**IMBONERA Y'IKOSORA RY'IKIZAMINI K'IKINYARWANDA GISOZA IKICIRO RUSANGE CYAKOZWE 2020-2021**

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO**

1) Uyu mwandiko ni insigamigani/ibirari by'insigamigani

**Impamvu:** Abavugwamo bazwi mu mateka y'u Rwanda.

Ibivugwamo birazwi neza.

Igihe byabereye kirazwi.

Wakomotseho imvugo igikoreshwa ubu…

2) Izina ry'ubwami rya Gisanura:

- Mibambwe
- Mibambwe II

3) Imirimo Gaheshyi yakoze n'aho yagiye ayikora:

- Umutegeka w'abozi kwa Gisanura mu Rwanda
- Umunyanzoga w'ibwami i Burundi
- Umutware w'urugerero i Burundi
- Yabaye umutware wa Mirenge i Gisaka cyangwa kwa Kimenyi.
- Yabaye umutware wa Rugando mu Rwanda.

4) Usibye u Bumbogo buvugwa muri uyu mwandiko, andi mazina atatu (3) y'uturere two mu Rwanda rwo hambere:

- Nduga
- Buganza
- Bwanacyambwe
- Kingogo
- Marangara
- Bwanamukari
- Bushiru
- Bugoyi
- Bungwe
- Akanage
- Busanza
- Ndiza
- Amayaga
- Ubukunzi
- Buberuka
- Bufundu
- Ndorwa
- Rukiga
- Bwishaza
- Bukonya
- Bugarura
- Ubuhunde
- Ijwi…

5) Impamvu ebyiri zerekana ko Rubyagira yakundaga umuhungu we Gaheshyi:

- Kuba yarahise amusohoza ibwami abonye igihe kigeze.
- Kuba yaramukurikiraga aho yacikiraga hose.
- Kuba yarageragezaga kumugira inama mu mafuti ye yose.
- Kuba yaragiye kumusabira imbabazi kwa Gisanura kugira ngo atahe.
- Yamusabiye kumuhindurira imirimo i Burundi.
- Yemeye kuvunika ajya kumugarura mu Rwanda.
- Yamutangiye inka y'imbyeyi amuhakirwa.

6) Impamvu yatumaga Gaheshyi adatinda muri iyo mirimo yabaga yahawe:

- Kudabagira
- Ubusinzi
- Kutita ku mirimo yashinzwe
- Ubupfayongo
- Umurengwe
- Umuteto
- Ubwirasi
- Ubutesi

7) Umugani w'umugenurano nacira Gaheshyi nyuma yo kubona ubudabagizi bwe:

- Gukira byibagiza gukinga
- Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera

**Impamvu:** Kubera ko atabonaga ibyiza yari yahawe agakomeza kubikerensa.

**Indi migani:**

- Imboga zibona abana.
- Umurengwe wica nk'inzara.
- Ushize impumu yibagirwa icyamwirukansaga.
- Urwishigishiye ararusoma.
- Ubuhake bwa cyane bunyaza umugaragu mu ngoro.
- Uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri.
- Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona.

8) Rubyagira yanze kubwira Kimenyi ko babanje guhungira i Burundi kubera ko:

- Atari kubizera kuko yari kumva ko na we bazamucika.
- Yangaga ko babafata nk'abantu bananiranye, badashobotse, bagorana, bagirana ibibazo n'abandi bityo bakaba batakwakirwa neza.
- Yangaga ko bafatwa nk'intasi.
- Yangaga ko amakuru mabi y'umuhungu we yamenyekana.

9) Ikerekana ko Rubyagira na Gaheshyi batumvikanaga ku itahuka ryabo mu Rwanda:

- Nuko Gaheshyi yabwiraga se ko ibwami bamushuka bigera n'aho yiyahura kuko Atari yizeye neza ko batari kumushuka mu gihe se yamubwiraga ko nta kibazo ibwami abizeye.
- Gaheshyi yagaragaje ubwoba no gushidikanya byamuteye kwiyahura mu gihe Rubyagira yamuhumurizaga.

10) Ibintu bibiri byerekana ko Gisanura yakundaga Gaheshyi:

- Yamugize umutware w'abozi.
- Yemeye ko agaruka n'ubwo yari yaramuhemukiye.
- Ukuntu yakiriye amagambo ya Rubyagira aje kumusaba ko we na Gaheshyi bagaruka.
- Kuba yarayagiye Rubyagira amaze kumubikira Gaheshyi.
- Yamugabiye umusozi wa Ruganda.

11) Impamvu nyayo yatumye Gaheshyi yiyahura:

- Yatinyaga ko ibwami bashobora kumwica cyangwa bakamushinyagurira bitewe n'ubuhemu bwe.
- Yagize ipfunwe ryo gusubira aho yahemutse.

12) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:

(a) **Abozi:** ni abantu bo mu rugo rw'ibwami (cyangwa ibutware) bamenyaga amata bakaba ari nabo bayatang.

(b) **Ibikeremanya:** utubumbe, ibitirimwa, ibidobogo biboneka mu mata yabaye mabi.

Amata atanoze, amata mabi, amata yapfuye.

(c) **Akadasohoka**: umuntu utonnye cyane

Inshuti magara

Inkoramutima, ukunzwe cyane, umunywanyi

(d) **Ubudabagizi**: ubutesi, ubupfayongo, umurengwe, ubugoryi, ubwirasi

(e) **Inkiko**: imbibe, umupaka, urugabano, imbago

(f) **Abanyanzoga**: abantu bari bashinzwe kumenya inzoga z'ibwami.

Abaziritsi

Abanyakigega

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUZO**

13) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.

(a) **ati:** ingirwanshinga/inshinga

**Nduzi:** inshinga nkene/ mburabuzi/ inshinga

(b) **se:** izina rusange/izina

**Cyane:** ingera y'uburyo/ ingera cyangwa umugereka w'uburyo.

(c) ibyiza: izina ntera/izina

14) (a) bose: ba-o-se    a → Ø/- J

Inzara: i-n-ara    igicumbi gifata z mu nteko ya 10

(b) impundu: i-n-hundu    n → m/-h

mh → mp mu myandikire

(c) twakoraga: tu-a-kor-aga    u → w/- J

Ingenzi: i-n-gend-yi    d + y → z

**IBYITONDERWA RUSANGE**

1) Inyuguti nkuru ntiyemewe mu mategeko y'igenamjwi no mu turemajambo, uretse iyi ikurikira.

2) Inyuguti zizihanganirwa: U, Y, K, O, S, V, P

3) Uzakoresha inyuguti nto aha hakurikira: i → y/- J

4) Ibimenyetso bizemerwa/bizihanganirwa mu ntego: +, -, /-. *

5) Mu mategeko y'igenamajwi, utumenyetso twemerwa: →, /-, ├

Ututemewe: ⟹, =, ⟺

15) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi bikurikira:

(a) Ikinyazina mbanziriza: **Uwo** nkunda ndamutetesha.

(b) Umugereka w'igihe: ibi byose mubona byabayeho **kera.**

(c) Igisantera: Umunsi **mpuzamahanga** wo gusoma.

(d) Ikinyazina ngenera ngenga: Yahise afata ibitabo **bye** aragenda.

(e) Inyigana (inyiganarusaku): Bamwakirije amshyi n'impundu ngo **kacikaci**.

16) Interuro ikurikira mu bindi bihe bikuru by'inshinga:

Gaheshyi arangwa no kudabagira mu mirimo ye.

Gaheshyi azarangwa no kudabagira mu mirimo ye.

17) Imimaro y'amagambo aciyeho umurongo: **(amanota 3)**

(a) **inzoga cyane:** itsinda ry'icyuzuzo/ icyuzuzo

Cyangwa: **inzoga:** icyuzuzo

**Cyane:** icyuzuzo

(b) Rubyagira: Ruhamwa

(c) abahungu: Ruhamwa/ruhamwa nyurabwenge

18) Interuro ngufi zigaragaza ibi bikurikira:

(a) Ruhamwa: **Yohani** akunda inzoga.

(b) Icyuzuzo: Gakuru agendana **imbwa ye**.

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI**

19) Ica ibisakuzo bikurikira. Sakwesakwe!

(a) Mpagaze mu gahinga nyarira ab'epfo! : **Imvura/ibijojoba**

(b) Mpinze mu Gahinga nsarura mu gapfunsi! : **Umusatsi**

(c) Nteye agapira kagera i Roma! : **Ibaruwa, ubutumwa bugufi**

(d) Inka yange irishiriza mu mishito igataha mu mishito! : **Ururimi**

(e) Icwende ryanjye ribaye kure mba ngukoreyemo! : **Ukwezi**

20) Amagorane/igorane

**Impamvu kitwa gutyo:** Kubera ko bigoye kuvuga urwo ruhererekane wihuta kandi udategwa.

**Akamaro:**

- Gatoza abana kumenya kuvuga badategwa.
- Gatoza abana gufata mu mutwe, kuruhura ubwonko, gutyaza mu mutwe, gusetsa.
- Gutoza abana kuvugira mu ruhame.

21) Ubutinde n'amasaku: Subiza ukoresheje "**oya**" cyangwa "**yego**" ukurikije uko bisomwa: **(amanota 5)**

(a) **Oya**

(b) **Oya**

(c) **Yego**

(d) **Yego**

(e) **Oya**

22) Simbuza utudomo amagambo yabugenewe: **(amanota 5)**

(a) Ubusanzwe intare bayita **umwami w'ishyamba/ Rusumirandonyi/ rwabwiga** naho impyisi ikitwa **mahuma/warupyisi/ bihehe**.

(b) Inuma ntabwo ivuga ahubwo **iraguguza**.

(c) Ingoma ntabwo ishyushywa ahubwo **iroswa**.

(d) Ntabwo bavuga uduta ahubwo bavuga **amata**.

23) Sobanura inshoberamahanga zikurikira:

(a) Gukingira umuntu ikibaba: **guhishira umuntu**

(b) Gutera hejuru: **gusakuza/ kubuza umuntu buryo, amahoro, gutera rwaserera.**

(c) Gukama ikimasa: **kuruhira ubusa, kubura icyo washakaga, guheba...**

(d) Gukubita impyisi inkoni: **kwinyara mu isunzu, kwisubiraho, gukora ibintu bidasanzwe, gukora iyo bwabaga, gutinyuka...**

(e) Kuruma ugahuha: **kutagira uruhande ubogamiraho, kwiyoberanya, kuryarya, kwigira nyoni nyinshi, gutwika inzu ugahisha umwotsi....**

24) Wifashishije ingero erekana itandukanyirizo riri hagati y'ibi bikurikira:

(a) Interuro nyobyamvugo ni interuro idakurikiza amategeko y'ikibonezamvugo agenga imivugire.

Interuro mbonezamvugo: ikurikiza amategeko y'ikibonezamvugo.

**Ingero:** Ndavuga uti: "Ntabwo ndyama natariye." (Nyobyamvugo)

Ndavuga nti: “Ntabwo ndyama ntariye.” (Mbonezamvugo)

(b) Imvugo nyandagazi ni imvugo ikoresha amagambo atarimo ikinyabupfura no kwiyubaha. Mu gihe imvugo iboneye ikoresha amagambo arimo ikinyabupfura no kwiyubaha.

c) Imvugaakimwe (impuzanyito) ni amagambo asobanura kimwe ariko ntiyandikwe kimwe ntanasobanure kimwe. Mu gihe igwizanyito ari amagambo yandikwa kimwe ariko agasobanura ibintu byinshi.

Ingero: kwishima = kunezerwa
Ishoka = imarabiti = intorzo (Impuzanyito)

Gutera: inyoni, ibijumba, amagi, inda… (Ingwizanyito)

25) Imvugakimwe ebyiri ziri mu gika cya gatatu cy’uyu mwandiko:

Arakira: uburwayi afite
Aba umukungu

Baterera: agate mu ryinyo
Guterera umuntu ikintu ngo agisame
Guterera umusozi

Gutereka: amata
Umusatsi

Gukinga: gufunga, ingabo, inka, ukuboko

Babonye: n’amaso, guhabwa, kugira

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO**

26) **(a) ITANGAZO:**

**1) Imbata: 0.5 + 0.5 + 0.5 + 0.5 = 2/2**

- Umutwe (wanditse mu nyuguti nkuru z’icyapa cyangwa nto ziciyeho umurongo witaruye intangiriro.
- Intangiriro (yandikwa yitaruye umurongo w’ibumoso kuko ni igika cyihariye)
- Igihimba (gitangira kitaruye umurongo w’ibumoso)
- Umusozo (ni wo utangira witaruye umurongo)

Icyitonderwa: Umwanzuro ukubiye mu musozo

**2) Isuku n'imigararire: 0.5 + 0.5 = 1/1**

**Amakosa y'isuku n'imigaragarire:**

- Gusibiranya inshuro ebyiri cyangwa zirenze
- Umwanya w'ibumoso utubahirijwe, kimwe n'uw'iburyo
- Gusiga umwanya wajyamo nibura imigemo ibiri atarasoza igika.
- Gusiga umwanya utangana hagati y'ibika.
- Guhagika amagambo mu nteruro.
- Kwandika amagambo mu nteruro.
- Gusiga umwanya wajyamo imigemo ibiri hagati mu gika.
- Gutangira ibika mu ntera itangana, uvuye ku murongo (marge) w'ibumoso bw'urupapuro.

**3) Uburebure bwasabwe: 0.5 + 0.5 = 1/1**

- Umubare w'imirongo
- Umubare w'amagambo

**4) Imyandikire: amanota 2**

Amakosa y'imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda.

Gukata nabi amagambo (inyajwi itangira ijambo ikatwa nk'umugemo wuzuye)

Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Gukoresha ibimenyetso cyangwa utwatuzo mu buryo budakwiye.

**5) Inozamvugo: 0.5 + 0.5 = 1/1**

**Amakosa y'inozamvugo**

Kuvanga indimi z'amahanga, iz'uturere, urufefeko n'imvugo nyandagazi.

Kuvanga imibare. Imibare yemewe gusa ku byerekeye amatariki n'inomero z'abami.

Interuro nyobyamvugo; itisanishije neza.

Kuvangamo impine (cy, kdi, krngo…)

Impine zemewe: iz'ibigo bya Leta

Iz'amasosiyete yigenga

Iz'amashyirahamwe n'amakoperative

SIDA

Gukoresha ibimenyetso bitemewe: $\Delta$, $\Rightarrow, \rightarrow, -, *$ (mu irondora)

**6) Ingingo:** 2 + 2 + 2 + 2 = 8/8

Gutanga ingingo = 1

Kuyisobanura = 1

**Ikitonderwa:** Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko zirenze imwe zombi zizaba imfabusa.

**Ingingo zishobora kuboneka z'itangazo:**

- Umwirondoro w'utanze itangazo.
- Aho itangazo ryatangiwe
- Igihe itangazo ryatangiwe
- Amazina y'umwana
- Ibimuranga (imyenda, amazina y'ababyeyi, aho akomoka…)
- Aho yatoraguwe
- Igihe yatoraguriwe
- Aho ababyeyi be bamusanga
- Amazina n'umukono by'uwatanze itangazo.

**(b) INYANDIKOMVUGO**

**1) Imbata: 0.5 + 0.5 + 0.5 + 0.5 = 2/2**

- Umutwe (wanditse mu nyuguti nkuru z'icyapa cyangwa nto ziciyeho umurongo witaruye intangiriro.
- Intangiriro (yandikwa yitaruye umurongo w'ibumoso kuko ni igika cyihariye)
- Igihimba (gitangira kitaruye umurongo w'ibumoso)
- Umusozo (ni wo utangira witaruye umurongo)

Icyitonderwa: Umwanzuro ukubiye mu musozo

**2) Isuku n'imigararire: 0.5 + 0.5 = 1/1**

**Amakosa y'isuku n'imigaragarire:**

- Gusibiranya inshuro ebyiri cyangwa zirenze
- Umwanya w'ibumoso utubahirijwe, kimwe n'uw'iburyo
- Gusiga umwanya wajyamo nibura imigemo ibiri atarasoza igika.
- Gusiga umwanya utangana hagati y'ibika.
- Guhagika amagambo mu nteruro.
- Kwandika amagambo mu nteruro.
- Gusiga umwanya wajyamo imigemo ibiri hagati mu gika.

- Gutangira ibika mu ntera itangana, uvuye ku murongo (marge) w'ibumoso bw'urupapuro.

**3) Uburebure bwasabwe: 0.5 + 0.5 = 1/1**

- Umubare w'imirongo
- Umubare w'amagambo

**4) Imyandikire: amanota 2**

Amakosa y'imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda.

Gukata nabi amagambo (inyajwi itangira ijambo ikatwa nk'umugemo wuzuye)

Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Gukoresha ibimenyetso cyangwa utwatuzo mu buryo budakwiye.

**5) Inozamvugo: 0.5 + 0.5 = 1/1**

**Amakosa y'inozamvugo**

Kuvanga indimi z'amahanga, iz'uturere, urufefeko n'imvugo nyandagazi.

Kuvanga imibare. Imibare yemewe gusa ku byerekeye amatariki n'inomero z'abami.

Interuro nyobyamvugo; itisanishije neza.

Kuvangamo impine (cg, kdi, krngo…)

Impine zemewe: iz'ibigo bya Leta

Iz'amasosiyete yigenga

Iz'amashyirahamwe n'amakoperative

SIDA

Gukoresha ibimenyetso bitemewe: Δ, ⟹, →, –, * (mu irondora)

**6) Ingingo:** 2 + 2 + 2 + 2 = 8/8

Gutanga ingingo = 1

Kuyisobanura = 1

**Ikitonderwa:** Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko zirenze imwe zombi zizaba imfabusa.

**Ingingo zishobora kuboneka:**

- Umunsi n'itariki inama yatangiriyeho
- Abitabiriye inama
- Uwayoboye inama
- Ibyari ku murongo w'ibyigwa
- Imigendekere y'inama
- Imyanzuro yafatiwe mu nama
- Uko inama yarangiye
- Igihe n'isaha byarangiriyeho
- Amazina n'umukono by'uwakoze inyandiko mvugo.